

## IMFASHANYIGISHO ISOMO RYA 2: GUTERA INGEMWE ZA KAWA

Gutera ingemwe za kawa ni igikorwa gikomeye gisaba gutegura neza umurima n'imyobo mbere yo gutera, hatoranywa ingemwe nzima, zifite imizi ikomeye kandi zitanduye indwara. Ingemwe ziterwa mu myobo yateguwe hakurikijwe intera isabwa, zigashyirwamo ifumbire iboze neza, maze zigatwarirwa neza kugira ngo imizi itangirika. Nyuma yo gutera, ingemwe zirasasirwa (mulch) kugira ngo ubutaka bubungabunge kandi bubike ubuhehere, ingemwe zirindwe izuba rikabije n'isuri, mu gihe cy'izuba, bityo zitangire gukura neza zifite imbaraga.

### Guhitamo ahantu



- Hitamo ubutaka buri hagati ya metero 1,200–2,200 z'ubutumburuke (Arabica) na metero 0-1400 z'ubutumburuke mu guhinga Robusta
- Ubutaka butunganye, butemba neza, bufite ifumbire, ari igitaka cya volikani cyangwa igitaka cy'umurama, gifite pH iri hagati ya 5.5–6.5.
- Irinde ubutaka bw'ibyondo,

ubw'amabuye menshi cyangwa ubutaka bukomeye cyane. Rinda ibiti by'ikawa umuyaga mwinshi ukoresheje inzitiramuyaga.

### Gutegura ubutaka




- Gusukura ubutaka ukavanaho ibihuru, ibyatsi n'imizi y'ibiti.
- Kubungabunga ibiti by'ingenzi bitanga igicucu.
- Gushyiraho uburyo bwo kurinda ubutaka no kuburinda isuri

(imiringoti, imirongo y'ubwatsi).

- Gucukura imyobo yo guteramo: 60cm x 60cm x 60cm, ugasanganiza ubutaka bwo hejuru n'ifumbire. Contour planting ni bumwe mu buryo bwiza bwo kurwanya isuri, gufata amazi no gukomeza ubutaka ku misozi ihanamye. Ibiti ntibiterwa kumirongo igororotse, ahubwo biterwa mu buryo bwa mpandeshatu.

### Gutera igiti cya kawa



- Tegura umwobo wo gutera ufite santimetero 60 z'ubugari × santimetero 60 z'ubujyakuzimu (ni ingano isanzwe, ishobora guhinduka bitewe n'ubutaka).
- Utandukanye igice cy'ubutaka bwo hejuru n'ubutaka bwo hasi igihe uri gucukura.
- Vanga ubutaka bwohejuru n'ifumbire iboze neza mbere yo kubusubiza mu umwobo.
- Vomerera urugemwe ruri mu gihoho mu masaha make mbere yo kurutera



- Kata igihoho witonze kugira ngo udaca imizi.



- Shyira igiti mu mwobo gihagaze neza, aho umuzi uhurira n'igiti habe ku rwego rw'ubutaka.
- Subizamo ubutaka buvanzwe n'ifumbire, ubuzengurutse ku giti.
- Tsindagira ubutaka buhoro ariko neza kugira ngo wirinde ko hasigara umwuka mu mwobo.
- Irinde gutaba igiti cyane mu butaka.